**A Ihumure ry'Imana mu makuba**

- Urwandiko rwa Kabiri rw'Abakorinto ni rwo Pawulo avugamo byinshi ku ihumure. Itorero ryari riri mu bihe bigoye, kandi urwandiko rwa mbere Pawulo yabandikiye rwari rwarabashyize mu kababaro.
- Ariko ako gahinda kari "ako mu buryo bw'Imana," kabatera kwihana (2 Abakorinto 7:10). Bityo, Pawulo ntashaka ko ako gahinda kabaganza, ahubwo yashakaga ko bahumurizwa.
- Na we ubwe yari yarahuye n'ibihe aho ubuzima bwe bwari mu kaga maze acika intege (2 Abakorinto 1:8–10). Ariko Imana iramuhumuriza, na we ni ko guha itorero iryo humure (2 Abakorinto 1:6).
- Ihumure ry'Imana ritubohora ku bwoba; ritwibutsa ibihe Imana yadufashijemo, ridufasha kwihanganira imibabaro, ritugeza ku gukura mu bya mwuka, ridutera umwete wo gusabira abandi; kandi, turahumurizanya kubw'uko twahumurijwe n'Imana.

**B Ukwera n'ubunyangamugayo mu murimo**

- Hari abantu bamwe basuzuguraga Pawulo, bamushinja ko ari umunyantege nke kandi adashikama ku byemezo (2 Abakorinto 10:10). Kubw'iyo mpamvu, kandi kugira ngo inama ze zakirwe kandi zemerwe, byari ngombwa ko intumwa yiregura kuri ibyo birego.
- Nk'umuntu, yiyumvaga nk'utagira umumaro (Abefeso 3:8). Ariko, ku bw'ubuntu bw'Imana, yashoboraga kwirata ko afite umutimanama utamucira urubanza (2 Abakorinto 1:12).
- We n'abo bari kumwe bavugaga nta kwihenda ko imyitwarire ye yari iyera kandi itariho umugayo [itunganye], haba mu itorero ndetse no hanze yaryo
- Kubw'ibyo, inyandiko za Pawulo ntizari zifite imigambi ya rwihishwa. Yari yizeye ko izi nzandiko zizasomwa kandi zigasobanuka muri ubwo buryo bw'ukwera n'ubunyangamugayo—bivuga ko zanditswe kubera urukundo abafitiye no kubashakira ineza gusa (2 Abakorinto 1:13–14).

**C Kugendera mu bwenge**

- Mu rwandiko rwa Pwulo rwa mbere, yabwiye Abakorinto inzira yateganyaga kunyuramo (1 Abakorinto 16:5–11): Efeso — Makedoniya — *Korinto* — Yudeya.
- Mu rwandiko yanditse nyuma (rwatakaye, 2 Abakorinto 7:8) yababwiye kuzabasura kabiri (2 Abakorinto 1:15–16): Efeso — *Korinto* — Makedoniya — *Korinto* — Yudeya.
- Ariko, yaje guhindura gahunda ze maze yanzura kutabasura kuri iriya nshuro ya mbere (2 Abakorinto 1:23). Izi mpinduka zatumye bamwe bamunenga kuba umuntu uhindagurika kandi utaguma hamwe. Kuki yahinduye igitekerezo cye?
- Kuba i Korinto kwa Pawulo byasaga n'aho ari ngombwa kubera ibibazo byari bihari. Ariko kubera urukundo rwinshi yari abafitiye, yashatse kwirinda kurwanywa yashoboraga kuhabonera (2 Abakorinto 2:1–4).

**D Kubabarirwa no gukomorerwa**

- Ubwo Pawulo yari mu nzira ajya i Tirowa, Tito yagiye i Korinto. Pawulo avuye i Tirowa, yagiye i Makedoniya. Ariko yari afite agahinda kenshi kuko atari yahuriye na Tito i Tirowa ngo amubwire amakuru y'itorero ry'i Korinto (2 Abakorinto 2:12–13).
- Nyuma gato, Tito yaje guhurira na Pawulo i Makedoniya. Yamubwiye uburyo itorero ryakiriye neza inama z'intumwa (2 Abakorinto 7:5–9, 13–16).
- Kimwe mu bibazo bari bakeneye ko abakemurira ni ikibazo cyari kijyanye n'igihano cy'itorero. Mu kumvira intumwa, abari barakosheje bari baramaze gucyahwa, kandi abo bari baremeye uko gucyaha. Ubu noneho, Pawulo abasaba gutera intambwe irenzeho: kubababarira no kubakomorera (2 Abakorinto 2:5–11).

**E Impumuro ya Kristo**

- Pawulo avuga ku kuntu Imana "yakinguye urugi" kugira ngo ubutumwa bwiza bubwirizwe i Tirowa, arangurura ijwi ry'ishimwe no kunesha ati: "Ariko Imana ishimwe kuko ihora iturangaje imbere, ikaduha kuneshereza muri Kristo no gukwiza hose impumuro nziza yo kuyimenya" (2 Abakorinto 2:14).
- Nk'impumuro itāma hose, kumenya Kristo kugera kuri buri muntu. Ku Bakorinto, nk'uko bimeze kuri twe, iyi mpumuro ni iy'ubugingo buhoraho. Ariko, ku banze irarika, ni impumuro y'urupfu (2 Abakorinto 2:15–16).
- Pawulo yibanda ku nshingano ibi bitanga, asobanura ko ubutumwa bugomba gutangwa mu buryo buvuye ku mutima, nta gushaka inyungu bwite, ahubwo kubwo gushaka agakiza k'ababwumva (2 Abakorinto 2:17).